REB
Rwanda Education Board

**RWANDA EDUCATION BOARD**
P.O Box 3817 KIGALI
*Telephone : (+250) 255121482*
*E-mail:* info@reb.rw
*Website:* www.reb.rw

Kigali ku wa ..10..../..01.../2021
N°:..0056../REB /TDM& CGC/21

Madamu/Bwana Umuyobozi w' Akarere (Bose)
Madamu/Bwana Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Akarere (Bose)

**Impamvu: Urutonde rw'abarimu bashya bashyizwe mu myanya (Phase III)**

Madamu/Bwana Muyobozi,

Nshingiye ku Iteka rya Perezida N° 064/01 ryo ku wa 16/03/2020 rishyiraho Sitati yihariye igenga abarimu b'amashuri y'Incuke, Abanza, Ayisumbuye n'ay'Imyuga n'Ubumenyingiro mu ngingo ya 19;

Nshingiye ku ibaruwa N° 300/HRO/20 yo ku wa 09/10/2020 Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo y'Igihugu Ishinzwe Abakozi ba Leta (NPSC) yandikiye Minisitiri w'Uburezi yemera ubusabe bwo gushaka abarimu hakoreshejwe uburyo budasanzwe;

Mboherereje urutonde rw'abarimu bashya bashyizwe mu myanya mu mashuri Abanza n'Ayisumbuye y'Ubumenyi Rusange (General Education) yo mu Karere mubereye Umuyobozi. Abashyizwe mu myanya kuri uyu 10/01/2021 harimo bamwe mubakoze ikizamini bari kurutonde rw`abategereje guhabwa akazi(Waiting List) ndetse n'abashyizwe mu myanya hagendewe ku manota bagize basoza ibyiciro by'amashuri bize (Transcripts).

Mu rwego rwo gukomeza gufatanya mu gikorwa cyo gushaka no gushyira mu myanya abarimu ari nako hubahirizwa ibiteganywa n'amategeko, ndabasaba ibi bikurikira:

- Gushyira urwo rutonde ku rubuga rw'Akarere (District website);
- Gufasha abarimu bashya bashyizwe mu myanya basabye guhinduranya ibigo byo mu Karere mubereye umuyobozi mugihe bafite impamvu zumvikana;

- Kwihutisha igikorwa cyo gusaba abarimu bashya kuzuza ibyangombwa bisabwa mbere yo guhabwa amabaruwa abashyira mu kazi. Abarimu bashya bashyizwe mu myanya bagomba kuba bagejeje ku Turere bohererejwemo ibyangombwa bisabwa bitarenze tariki ya **15/01/2021**;
- Gutanga Amabaruwa ashyira aba barimu mu kazi bitarenze tariki ya **18/01/2021**;
- Kugeza kuri REB bitarenze ku wa **22/01/2021** raporo igaragaza urutonde rw'abarimu bahawe amabaruwa abashyira mu kazi n'abatarayahawe n'impamvu batayahawe ndetse n'ishyirwamumyanya ry'abarimu bose (Placement);
- Gufasha abarimu bashya kwimenyereza umwuga wo kwigisha.

Mugire amahoro.

RWANDA EDUCATION BOARD (REB)

**Dr. SEBAGANWA Alphonse**
Umuyobozi Mukuru w'Agateganyo

**Bimenyeshejwe:**

- Nyakubahwa Minisitiri w'Uburezi
- Nyakubahwa Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo
- Nyakubahwa Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
- Nyakubahwa Umunyamabanga wa Leta Ushinzwe Amashuri Abanza n'Ayisumbuye
- Nyakubahwa Umunyamabanga wa Leta Ushinzwe ICT na TVET
- Bwana Umunyamabanga Uhoraho/MINEDUC
- Bwana Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali
- Madamu/Bwana Guverineri w'Intara (Bose)